# Uzansezeranya kurinda ikiri hagati y'iminwa ye yombi, n'ikiri hagati y'amaguru ye yombi, nanjye musezeranyije ijuru

Hadithi yaturutse kwa Sah'li Ibun Sa'adi (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzansezeranya kurinda ikiri hagati y'iminwa ye yombi, n'ikiri hagati y'amaguru ye yombi, nanjye musezeranyije ijuru."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Bukhari]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ku bintu bibiri umuyisilamu aramutse abyitwararitse, yazinjira mu ijuru. Icya mbere: Ni ukurinda ururimi rwe yirinda kuruvugisha amagambo arakaza Allah Nyir'ubutagatifu. Icya kabiri: Ni ukurinda igitsina cye ubusambanyi n'ibindi bikorwa bibi by'urukozasoni. Kubera ko izi ngingo ebyiri ari zo zigwa mu byaha cyane kurusha izindi zisigaye.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3475

النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC
E-Da'wah Committee